



# Inkende n'amapfa


Jean Paul Harelimana
Salim Kasamba

Kinyarwanda


African Storybook.org




Kera Imvura yarabuze, maze ubutaka buruma.




Inkende imwe irasuhuka ijya gushaka amazi n'ibyo kurya.




Yuriye imisozi,
yambuka ibibaya.




Yaje kugera ahantu hitwa i Bwiza.




Inkende yishimiye cyane aho hantu.




Yariye imbuto maze irabyibuha. Ariko ikumbura inshuti zayo.




Yafashe urugendo isubira imuhira.




Izindi nkende zishimiye cyane kongera kubona mugenzi wazo agarutse.




Zarayibajije ziti: "Aho hantu heza heze imbuto ni hehe?"




Inkende irazisubiza iti:
"Nzahabajyana."




Zageze i Bwiza nazo zirahakunda. Zifata umwanzuro wo kuhigumira burundu.




Nyamara inkende zo mu Bwiza zo zagize impungenge.




Zaravuze ziti: "Izi nkende zatujemo zizatumarira imbuto."



Inkende zo mu Bwiza zijya gutera inkende zahasuhukiye.



"Kuki turwana?" abaza umusaza. "Hari imbuto zihagije kuri bose!"



Ibyo koko byari ukuri. Nuko inkende zose ziyemeza kubana mu mahoro.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

# Inkende n’amapfa

Umwanditsi -- Alice Edui
Kumenyera -- Jane Taylor and Igitabo Nyafurika
Icyitegererezo -- Salim Kasamba
Ururimi -- Ikinyarwanda
Urwego -- Amagambo yambere

© African Storybook Initiative 2016
Creative Commons: Attribution 4.0
IIbikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

**2023.08.30**